



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

**RAPORO YO KWIZIHIZA UMUNSI
MPUZAMAHANGA W'UMWANA W'UMUKOBWA**

Ukwakira, 2015



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

I. INTANGIRIRO

Umunsi mpuzamahanga w'umwana w'umukobwa washyizweho n'Umuryango w'Abibumbye nyuma yo kubona ko ari ngombwa gukora ubukangurambaga bugaragaza ibibazo abana b'abakobwa benshi bahura nabyo hagamijwe kubirwanya no kubikumira.

Ni yo mpamvu mu Kwezi k'Ukuboza 2011, hatangajwe ko buri mwaka ku itariki ya 11 Ukwakira hazajya hizihizwa umunsi Mpuzamahanga w'umwana w'Umukobwa.

Umunsi mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa wizihizwa hagamijwe kuganira ku bibazo umwana w'umukobwa ahura na byo hagamijwe guteza imbere iyubahirizwa ry'uburenganzira bwabo ari nabwo burenganzira bwa muntu. Uyu ukaba n'umwanya abantu batandukanye ndetse n'imiryango inyuranye babona umwanya wo gukangurira abantu ubwoko bunyuranye bw'ihohoterwa n'ivangura rikorerwa abana b'abakobwa bakorerwa. Ni n'umwanya wo kugaragaza ibikorwa binyuranye abafatanyabikorwa bagiramo uruhare mu kurengera uburenganzira bw'abana muri rusange n'abakobwa by'umwihariko cyane cyane gufasha ababyeyi n'umuryango mugari muri rusange kwita ku nshingano zabo.

II. INSANGANYAMATSIKO Y'UMWAKA WA 2015 N'AHU UMUNSI UZIZIHIZWA

Ubusanzwe Umuryango w'abibumbye ni wo ugena insanganyamatsiko iganirwaho mu kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umwana w'umukobwa. Uyu mwaka, ku rwego rw'isi insanganyamatsiko iragira iti: **“The power of the adolescent girl: Vision for 2030”**.

Tugenekereje mu Kinyarwanda, twavugaga tuti: “Ubushobozi bw'umwanga: icyerekezo 2030”.

Haherewe kuri iyi nsanganyamatsiko, hanashingiwe ku kibazo cyagaragajwe na “RDHS 2015”, cyo gutwita kw'abangavu, hagamijwe gukomeza u bukangurambaga bwatangijwe muri Gashyantare 2015 bugamije kurwanya gutwita kw'abangavu, u Rwanda rwahisemo insanganyamatsiko igira iti: **“For a bright future, I choose to protect my life”/ Ndifuza ejo hazaza heza, mpisemo kurinda ubuzima bwanjye**”.

Iyi nsanganyamatsiko igamije gufasha abantu kumva ko kurwanya/ gukumira gutwita kw'abangavu ari inshingano ya buri wese ariko cyane cyane abangavu ubwabo. Byongeye kandi, ni n'umwanya wo gukomeza kugaragariza abantu zimwe mu mpamvu zizituma habaho gutwita kw'abangavu hagamijwe kuzirwanya ndetse n'ingaruka uku gutwita kugira haba ku mwangavu ubwe, umwana atwize/abyaye ndetse no ku muryango muri rusange kugira ngo hashyirweho ingamba zafasha guhangana na zo.

Mu kwizihiza uyu munsi kandi, bizaba ari n'umwanya wo gusuzuma ishikirwa mu bikorwa rya gahunda ya “twelve plus” yatangijwe mu mwaka wa 2014 hizihizwa umunsi mpuzamahanga w'umwana w'umukobwa. Iyi gahunga ifasha abana b'abakobwa bafite imyaka 10-11 guhugukirwa n'ubuzima bw'imyorokere, kurwanya inda zitateguye, icuruzwa ry'abana, kwigirira icyizere; kurwanya ihohoterwa n'ibindi.

Kuri uyu munsi hazatangwa impamyabumenyi ku bana bakurikiranye iyi gahunda mu Murenge wa Fumbwe, mu Karere ka Rwamagana aho uyu munsi uzizihizwamo.



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

III. IBYAKOZWE MBERE Y'IYIZIHIZWA RY'UMUNSI NYIRIZINA

Mbere yo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa:

Hakozwe ibiganiro ku maradiyo atandukanye, bigamije kumenyesha abantu insanganyamatsiko y'uyu munsi ndetse no kubakangurira ibyo bakwiye gukora mu kurinda abangavu gutwita n'inyandiko zisobanura uburyo bwo kwirinda gutwita kw'abangavu.

Uko byakozwe:

Nº	IKIGANIRO CYATANZWE	IGITANGAZAMAKURU CYACIYEHO
1.	Uruhare rw'umukobwa rurakenewe ngo iterambere rye rigerweho	Igihe.com
2.	Girls and Values: Abakobwa n'indangagaciro	Radio station: K-FM
3.	Ndifuzza ejo hazaza heza, mpisemo kurinda ubuzima bwanjye: "For A Bright Future, Choose To Protect My Life"	Radio 10
4.	Abakobwa n'ubuyobozi/ inzitizi bahura nazo: "Girls and Leadership (challenges)"	Radio 10
5.	Abantu bahamya ko ibiganiro mu muryango ku buzima bw'imyorokere bigabanya gutwita kw'abangavu: "This house believes that early open dialogue about sex education in families in Rwanda will reduce the rate of teen pregnancies"	RTV

IV. IYIZIHIZWA RY'UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMWANA W'UMUKOBWA 2015

Mu Rwanda Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa wizihijwe ku itariki ya 09 Ukwakira bitewe n'uko itariki yavuzwe mu ntangiriro usanzwe wizihirizwaho yari yahuye n'umunsi w'icyumweru bityo bikaba byari kubangamira ubwitabire bwawo.

Uyu munsi, ku rwego rw'Igihugu wabereye mu Ntara y'Iburasirazuba, Akarere ka Rwamagana, Umurenge wa Fumbwe, Akagari ka Nyagasambu mu Mudugudu wa Rugenge. Impamvu ari ho hatoranyijwe ni uko muri iyi Ntara higanje abana b'abakobwa b'abangavu batewe inda nk'uko byagaragajwe na "DHS" 2015.

Muri uyu mwaka, Insanganyamatsiko mu rwego rw'Isi igira iti " **The power of the adolescent girl: Vision for**

2030" (Ubushobozi bw'abangavu: icyerekezo 2030) naho mu Rwanda igira iti " Ndifuzza ejo heza, mpisemo kurinda ubuzima bwanjye".



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection



V. ABITABIRIYE UYU MUNSI

V.1. ABAYOBOZI MU NZEGO ZITANDUKANYE

Uyu muni witabiriwe n'abantu benshi barimo abayobozi ndetse n'abandi ari bo:

- Madamu Minisitiri w'Uburunganire n'Iterambere ry'Umuryango wari n' Umushyitsi Mukuru;
- Senateri;
- Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba;
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana;
- Abahagarariye Ingabo na Polisi y'Igihugu

V.2. ABAFATANYABIKOBWA

- Unicef
- Unfpa
- Girl effect
- Avsi
- Plan International/Rwanda



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

- Save the children
- Imbutu Foundation
- Fawe/Rwanda
- Association des Guides au Rwanda (AGR)
- I am her/Rwanda

V.3. ABANDI

- Ababyeyi;
- Abarezi ;
- Abana.

VI. UKO UMUNSI WAGENZE MURI RUSANGE

VI. 1. URUGENDO RWO KWAMAGANA UGUTWITA KW'ABANGAVU

Uyu muni wabanjirijwe n'urugendo rwatangiriye mu Kagari ka Mununu mu Mudugudu wa Janjagiro berekeza aho umuhango nyir'izina wabereye. Uru rugendo rwari rugamije kongera guha abarwitabiriye umwanya wo gutekereza ku burenganzira bw'abana hazirikanwa ibibazo byihariye abana b'abakobwa bahura nabyo ariko buri wese atekereza no ku ruhare yagira kugira ngo uburenganzira bw'abana burusheho kurindwa no gutezwa imbere.



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

VI.2. UBUTUMWA BWATANZWE

VI.2. A. Ijambo ry'Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana



Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana yatangiye yerekana abashyitsi bakuru bitabiriye uyu munsi ndetse anashima buri wese wawitabiriye. Yashimye ubuyobozi bw'u Rwanda uburyo buha agaciro buri wese kandi buri wese akabwibonamo. Yashimiye by'umwihariko Perezida wa Repbulika uburyo yahaye abantu bose ijambo by'umwihariko abana. Yongeye gushima inzego zose zifasha abana mu Karere ka Rwamagana by'umwihariko Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana, UNICEF, umuryango w'aba Guide,... Yavuze ko Akarere ka Rwamagana kagize amahirwe yo kwizihirizwamo uyu munsi ku rwego rw'Igihugu bityo bakaba bagiye gukora ibishoboka byose kugira ngo abana b'abakobwa bige neza, barindwe guterwa inda,... Ibi yavuze ko bazabigeraho bafatanyije n'abafatanyabikorwa. Yarangije yibutsa insanganyamatsiko y'uyu munsi igira iti ” **Ndifuzza ejo heza, mpisemo kurinda ubuzima bwanjye**” kandi avuga ko bazakomeza kubitoza abana by'umwihariko abana b'abakobwa.



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

VI.2. B. IMBYINO Y'ABANA B'ABANYESHURI BO MU RWUNGE RW'AMASHURI RWA JANJAGIRO



Imbyino y'aba bana ni nayo yakiriye abashyitsi. Bibanda cyane ku nsanganyamatsiko y'uwo muni ndetse bagerageza no kugaragaza ko u Rwanda ari Igihugu cyiza ndetse kikaba ari n'imena muri Afurika.

VI.2.C. IJAMBO RY'UMUYOBOZI W'IHURIRO RY'ABANA KU RWEGO RW'IGIHUGU

Umwana uhagarariye abandi ku rwego rw'Igihugu UWASE HIRWA Honorine, mu izina ry'abana bose ahagarariye, yashimiye buri wese waje kubashyigikira mu kwizihiza uwo muni. Yashimiye

by'umwihariko ubuyobozi bwacu uburyo buha agaciro abana muri gahunda zose zigamije imibereho myiza y'abaturage ndetse n'iterambere. Yagaragaje ko abana bose by'umwihariko abana b'abangavu bagomba kurinda ubuzima bwabo bagaragaza ubutwari mu kwiga kugira ngo bategure neza ubuzima bwabo bw'ejo hazaza.

Yavuze ko hari n'abana b'abangavu bahoterwa bagaterwa inda ndetse n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Yagaragaje ko kandi hari n'abahura n'ibyo bibazo aribo ubwabo babyishoyemo, asaba ababyeyi ndetse n'abarezi kubaba hafi bakabaganiriza ku bijyanye n'ubuzima bwabo kugira ngo birinde icyo aricyo cyose cyabwagiza.

Yasabye ubuyobozi guhana uwo ariwe wese ugaragayeho kwagiza ubuzima bw'abana ariko anasozza avuga ko abana ubwabo aribo bagomba gufata iya mbere mu guharanira kurinda no kwita ku buzima bwabo.




KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection



VI.2. D. UBUHAMYA

Ubuhamya bwatanzwe n'umwana w'umukobwa witwa **Tetero Solange**. Uyu mwana w'umukobwa aturuka mu Karere ka Karongi mu Murenge wa Rubengeru.

Yatangiyeye asaba abana bose kuzirikana insanganyamatsiko y'uwo muni anasaba kuyisubiramo inshuro nyinshi. Yagiraga ati: "Ndifuzaga ejo hazaza heza" abana nabo bagasubiza bati: "Mpisemo kurinda ubuzima bwanjye". Yavuze ko aho ageze ubungubu abikesha intego yihaye akiri muto ijyanye no kuzabaho neza.

Mu mateka y'ubuzima bwe, uyu mukobwa yari umwana wa kane mu bana umunani kandi yari afite ababyeyi b'abarezi bahoraga banamushishikariza kwiga bamubwira ko nta wundi murage bafite bamuha atari uwo kwiga neza nawe akazabasha kwibeshaho mu buzima buzaza.

Yize amashuri abanza ari umwana w'umuhanga ndetse ashobora gukomeza agera mu mashuri yisumbuye. Mu byifuzo bye, kuko yumvaga ko Nyakubahwa Madamu wa Perezida wa Repubulika Jeannette Kagame ashigikira abana b'abakobwa batsinda neza, yahoranaga inzozo zo kuzahembwa nawe. Amaze kugera mu kigero cy'imyaka cumi n'ibiri yatangiye kwitwara nabi ndetse anasubira inyuma mu mitsindire. Yahoraga ahanwa kubera iyo myitwarire mibi bigera aho umuyobozi ubishinzwe amubwira ko arambiwe guhora amuhana.



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

Yamusabye gushaka ikayi akajya yandikamo buri muni ibyo yakoze neza ndetse n'ibyo yakoze nabi, nimugoroba akajya yiha ibihano bijyanye n'amakosa yakoze. Yarabikoze uko iminsi igenda akabona ko agomba guhinduka ntajye ahora mu makosa bigera naho amakosa arangira burundu maze ahubwo iyo kayi akajya ashyiramo imihigo agomba kugeraho.

Arangije icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye (Tronc commun) yabaye uwa mbere mu Karere ka Karongi kose maze ahembwa n'umuryango "Imbutu Foundation" washinzwe na Nyakubahwa Madamu wa Perezida wa Repubulika nk'uko yari yarabyifuje.

Nyuma yarakomeje ariko aza kubura amafaranga y'ishuri ndetse n'ibikoresho, ariko kubera uburyo yari umuhanga ikigo ndetse na "Imbutu Foundation" baramufashije akomeza kwiga. Arangije umwaka w'amashuri yisumbuye nabwo yarongeye ahembwa n'uwo muryango twavuze haruguru maze mu bihembo yahawe ahabwamo na mudasobwa (computer).

Yatsindiye kujya muri Kaminuza naho aba umuhanga ndetse anahagararira abandi banyeshuri bose bigaga mu mashami y'ubuhinzi mu Rwanda. Yahagarariye kandi umuryango w'aba guide mu Karere ka Huye igihe yari kwiga muri Kaminuza i Butare. Kugira ngo izo nshingano zose azigereho kandi ashobore no kwiga neza yihaga gahunda mu bikorwa bye bya buri muni. Yarangije kaminuza nabwo ari uwa mbere ndetse ahembwa kwimenyereza umwuga w'ubuhinzi mu kigo cyitwa "Bralirwa Minimex Cooperation".

Ntabwo icyerekezo yihaye yari yakigeraho, arateganya gukomeza kongera ubumenyi muri serivisi y'ubuhinzi agamije kuzafasha mu kubuteza imbere nk'umwuga utunze ijanisha rinini ry'abanyarwanda.

Mu bijyanye no kugira inshuti y'umuhungu, yavuze ko yirinze kubijyamo kuko byari kubangamira intego yari yarihaye yo kwiga neza no gutsinda maze asoza abagira inama yo kugendera ku ntego enye zikurikira:

- Gukora cyane;
- Guhitamo neza;
- Kwirinda inshuti mbi;
- Kwigirira icyizere.

Yabwiye abana b'abakobwa ko bashoboye kandi ko icyo bashakira cyose bazakigeraho mu gihe bazaba bagendera kuri izo ntego.

VI.2.E. UMUKINO W'ABANA B'ABAKOBWA BO MU KIGO CYA FAWA

Aba banyeshuri bakinnye umukino ushimishije aho abari muri iryo tsinda, buri wese yatangaga ubutumwa burimo amasomo akomeye ku bana b'abakobwa babwumvaga.



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

❖ **Ubutumwa bw'umwana wa mbere**

Ni umwana w'umukobwa wibonagamo ko ari mwiza cyane ariko anatanga isomo ry'uko ubwiza butarimo kwihesha agaciro ntacyo bumaze. Yavuze ko yiga mu mwaka wa 3 w'amashuri yisumbuye yakundanaga n'abagabo batandukanye barimo abamotari, abashoferi, abakuze,... Abo bose bagiye bamusaba kuryamana nabo ariko arabangira. Oya ni cyo gisubizo cyiza ku bantu bashaka kwangiza ubuzima bw'abana.

❖ **Ubutumwa bw'umwana wa kabiri**

Uyu mwana yavuze ko yari afite ababyeyi beza ariko rimwe atashye ava ku ishuri asanga nyina ararira kuko se umubyara yari yamaze kwitaba Imana. Ibyo byatumye acikiriza amashuri ye. Nyuma y'imyaka ibiri, nyina yongeye gushaka undi mugabo arishima aziko agiye kubona usimbura papa we, ariko siko byagenze ahubwo aho kumufata nk'umwana yaje gushaka ko baryamana. Ntabwo yabyihanganiye, yabimenyesheje ubuyobozi arafungwa. Yakomeje amashuri ye arangiza amashuri yisumbuye kandi arateganya no gukomeza muri Kaminuza. Mu butumwa yatangaga, yasabaga kudahishira uwo ariwe wese wagambirira kwangiza umwana ndetse anasaba ababyeyi gutanga urugero rwiza ndetse n'uburere bwiza ku bana.

❖ **Ubutumwa bw'umwana wa gatatu**

Yari umukobwa umwe mu bahungu bane, we ababyeyi be bamubujije kwiga ngo kuko agomba kwitegura kuzaba umubyeyi. Mu nzozi ze, yashakaga kuzaba umuganga. Haje kuza umuturanyi abwira ababyeyi be ko abana bose bafite uburenganzira bwo kwiga. Ababyeyi bumvise izo nama baramureka ajya kwiga. Ubu ni umuganga. Mu butumwa bwe, humvikanagamo ko abana bose bafite uburenganzira bungana nta vangura iryo ariryo ryose.

❖ **Ubutumwa bw'umwana wa kane**

Uwo mwana w'umukobwa yabanaga na nyina bonyine, ntiyigeze amenya se umubyara. Ageze mu mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye, yahagaritse kwiga kubera ubukene. Abagabo baturanye baramuboneranye bashaka kumugira umugore wabo. Nyina yamugiriye inama yo kubareka agahora amubwira ko ubukene butatuma atagera ku ntego yihaye yo kwiga. Yaje kubona abagiraneza baramufasha ariga araminuza, ubu akaba yarateye imbere. Yatanze ubutumwa yerekana ko buri mukobwa wese agomba kwiha intego no kuyigeraho, kuko yaba imodoka, moto cyangwa ibindi abagabo bashukisha abana, umuntu yitwaye neza ashobora kubyigurira ubwe.



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

❖ Ubutumwa bw'umwana wa gatanu

Uyu mwana we avuga ko ari umunyarwanda wavukiye mu buhungiro. Mu gihe basaza be bigaga, we yasigaraga atetse, ahetse umwana ndetse akora n'ibindi. Bagarutse mu Rwanda, basanze barateye imbere bafite imihanda myiza, amazu,... Yasanze u Rwanda mu burezi rugeze kure aho buri mwana wese yiga nibura amashuri abanza ndetse n'ayisumbuye ntavangura. Nawe yashoboye kujya kwiga ariko ajyamo akuze kubera ayo mateka yacyiyemo. Abandi bana baramusekaga kuko batari mu kigero kimwe. Yarabaretse, we agendera ku ntego yihaye yo kwiga akazaba Minisitiri. Uyu mwana yatanze

ubutumwa bugamije gukangurira abandi bana kutitesha amahirwe Leta yahaye abana yo kwiga kandi ntibacike intege mu gihe hari icyo bagamije kugeraho.

Bose hamwe basoje bakangurira abana b'abakobwa bese gushyira hamwe maze bakubaka Igihugu cyabo.

VI.2. F. IJAMBO RY'UHAGARARIYE "UNICEF"



Uhagarariye UNICEF yavuze ko n'ubwo ari mushya, ariko yasanze u Rwanda rwarateye imbere ku buryo bugagararira buri wese. Yashimye ibikorwa byiza u Rwanda ruteganyiriza abana harimo nka



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka cumi n'ibiri aho buri mwana wese afite uburenganzira bwo kwiga. Yashimye kandi na gahunda zihari ziharanira ko abana bose bagira ubuzima bwiza hirindwa

imfu z'abana bakivuka. Yavuze ko by'umwihariko umwana w'umukobwa agomba kurindwa ku buryo buhagije. Yavuze ko buri wese agomba guharanira kugira uruhare mu gukuraho imbogamizi abana bose bahura nazo muri rusange, ariko by'umwihariko abana b'abakobwa. Yashimangiye ko UNICEF itazatezuka mu bikorwa byayo bijyanye no kwita ku mwana w'umukobwa. Yasoje avuga ko gushyira imbaraga mu kubaka ubushobozi bw'umwana w'umukobwa ari kimwe mu nkingi z'iterambere rirambye.

VI.2. G. IJAMBO RY'INTUMWA YA "RBC"



Yatangiyeho asobanura muri rusange gahunda ya "twelve plus".

Yavuze ko yavutse ivuye mu nama yateguwe n'umuryango w'aba "Guide" ikaba yarimo na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika. Iyi gahunda ikaba igamije guha abakobwa ubushobozi ndetse no guharanira ubuzima bwabo bwiza. Iyi gahunda kandi iha urubuga abana b'abakobwa rwo kuganira bakungurana ibitekerezo kandi bakarushaho kwimenya binyuze mu buryo bise "Uruziga rw'Inshuti".

Mu bumenyi abana b'abakobwa bahabwa harimo: kumenya imihandagurikire y'umubiri wabo, kwita ku mirire myiza ndetse n'isuku muri rusange. Abana b'abakobwa batizwa kumenya gukora neza,



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

guhitemo neza, kwirinda kujya mu bigare/ kugira inshuti mbi, kumenya gushakisha icyabateza imbere n'ibindi.

Mu Rwanda hose abana bagera ku bihumbi cumi na bibiri (12.000) bakurikiranye ayo masomo, naho abarimo kuyahabwa ubu bakaba bagera ku bihumbi mirongo ine (40.000). By'umwihariko mu Karere ka Rwamagana abana bakurikiranye iyi gahunda ni 312. Abana 78 barangije icyiciro cya mbere cy'ubumenyi bahabwa ni abo mu Murenge wa Fumbwe. Yasabye abayobozi gushyigikira iyi gahunda

kuko bashaka ko yaguka ikagera mu Mirenge yose kuko muri ako Karere bakorera gusa mu Mirenge 4 ariyo Fumbwe, Munyiginya, Kigabiro na Munyaga.

Nyuma yo gusobanura iyi gahunda, abana batandatu bahagarariye abandi bayikurikiranye, mu izina rya bagenzi babo, bahawe ishimwe n'abayobozi batandukanye bitabiriye uyu muni.

VI.2. H. UMUVUGO

Mu muvugo w'umwana w'umukobwa wakurikiranye gahunda ya"12+", yashimaga umubyeyi Nyakubahwa Perezida wa Repubulika washyizeho gahunda yo guha agaciro ba Nyampinga. Wagaragazaga ko iyo gahunda yasanze umwari mu cyaro arigishwa maze atera imbere. Wagarukaga kandi ku guha agaciro umwana w'umukobwa. Usozwa hagaragazwa ko, bitewe n'umwanya umwari w'u Rwanda yahawe, atazigera na rimwe atezuka ku guharanira icyo aricyo cyose cyatuma u Rwanda rutera imbere.



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

VI.2.K. IJAMBO RYA GUVERINERI



Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba yatangiye ashimira abitabiriye uyu muni avuga ko bafite ibyishimo byinshi kuko bakunda abashyitsi.

Yashimiye Leta y' u Rwanda uburyo yafashe iya mbere mu kwimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye bityo umwana w'umukobwa akaba yarahawe agaciro kangana n'ak'umwana w'umuhungu. Yibukije abana b'abakobwa ko icyerekezo cyiza bagifite kuko bafite ubuyobozi bwiza bubashyigikiye.

Yanavuze ariko ko hakigaragara inzitizi mu bana, zirimo kunywa ibiyobyabwenge ibyo bikaba byangiza ubuzima bwabo. Yavuze kandi ko hakigaragara abashuka abana bagamije kubangiza, asaba abana b'abakobwa kugira umujinya mwiza uzatuma bahakanira uwo ariwe wese ugambiriye kwica ejo habo hazaza.

Yavuze ko mu Ntara y'Iburasirazuba bashyigikiye gahunda ya "twelve plus", avuga ko bahawe ikaze mu gufasha abana bo mu tundi Turere two mu Ntara y'Iburasirazuba batarageramo.

Yasoje agaruka ku ntego y'uyu muni yo guhitamo ejo hazaza heza, anaboneraho guha umwanya umushyitsi mukuru kugira ngo ageze ku bitabiriye ibirori ubutumwa yageneye abanyarwanda kuri uwo muni.



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

VI.2.L. IJAMBO RY'UMUSHYITSI MUKURU



Umushyitsi mukuru kuri uyu muni yari Nyakubahwa Madamu Oda Gasinsigwa, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango. Yatangiyeho asuhuza abitabiriye ibirori bose anishimira uburyo bitabiriye ari benshi.

Yavuze ko Igihugu cyacu cyakoze byinshi mu guharanira ko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa ariko avugaga ko bitarekera aho ahubwo ko tugomba gukora kurushaho kugira ngo umwana w'umukobwa arushaho gutera imbere.

Yavuze ko Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa watangijwe n'Umuryango w'Abibumbye mu mwaka wa 2011 ukaba wari ugamije kongera kwibutsa abatuye isi kuzirikana ibibazo umwana w'umukobwa ahura nabyo no gushaka uburyo byakemurwa.

Yongeye kwibutsa insanganyamatsiko y'uyu muni ari yo; "Ndifuzaga ejo hazaza heza, mpisemo kurinda ubuzima bwanjye"

Yavuze ko unahereye ku butumwa bwagiye butangwa, bigaragara ko hari intambwe Igihugu cyacu cyateye ishimishije mu kubahiriza no kurinda uburenganzira bw'umwana.

Yasabye ko mu bikorwa byose tugomba gutekereza aho twavuye, aho turi ndetse n'aho turimo kujya. Yavuze ko mu myaka 21 ishize u Rwanda ruvuye muri Jenoside yakorewe abatutsi, bigaragara ko umwana w'umukobwa yafashijwe gutera imbere ku buryo bushimishije.



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

Yashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ndetse na Madamu we Jeannette Kagame uruhare bagize mu gufasha umwana w'umukobwa binyuze mu bikorwa bitandukanye bitazibagirana, birimo: Fata umwana wese nk'uwawe; Inkubito y'Icyeza; na Malayika Murinzi.

Kubera izo gahunda zose nziza, abana byabagizeho ingaruka nziza ndetse ababonye ubwo bufasha nabo barahindukira bagafasha n'abandi.

Si ibyo gusa, yanavuze ko mu Gihugu cyacu hashyizweho za Politiki, amategeko, Gahunda ndetse n'ingamba bitanga umurongo mwiza mu kwita ku mwana no kurinda uburenganzira bwe. Ibyo byose bikaba bigamije guharanira imibereho myiza y'umwana kandi no kumufasha kugira ngo arusheho kugirira akamaro Igihugu cye.

Uburezi bw'umwana w'umukobwa nabwo burashimishije, abakobwa bariga neza "Sciences", imyuga ndetse n'ibindi batinyaga mbere. Abana b'abakobwa bagiye batozwa imirimo inyuranye, ibyo bigaragarira mu mirimo ubu bakora. Yavuze ko ubu hari abakobwa batwara imodoka, indege, abacamanza,...

Mu byifuzo Nyakubahwa Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango akaba n'umushyitsi mukuru muri ibi birori yagaragaje, harimo:

- Gusaba abana b'abakobwa kudatinyaga gufata icyemezo ku buzima bwabo kugira ngo barusheho gukoresha amahirwe bafite, bige neza, birinde uduhendabana babashukisha bagamije kubangiriza ubuzima;
- Gusaba ababyeyi ndetse n'abarezi gusubiza amaso inyuma bagafatanyaga kugira ngo bafashe abana kwihesha agaciro no kugahesha Igihugu cyabo, bita ku nshingano za kibyeyi;
- Gusaba kandi buri wese ko yagira uruhare mu kurinda umwana w'umukobwa guterwa inda. Ibi bikazagerwaho ari uko dufatanyije twese.

Yakomeje agaragaza ko ikibazo cy'inda ziterwa abana b'abangavu kigomba gusezererwa burundu kuko kigira ingaruka mbi zikomeye ku bana bacu. Yibukije ko guhohotera umwana muri iki Gihugu ntawe uzabyemera kandi ko inzego zose zigomba gufatanyaga mu guhashya uwo ariwe wese wabitekereza.

Yasabye ko abana nabo batagomba kwemera kugwa muri ibyo bibazo, ko bagomba kuganirizwa buri gihe ibijyanye n'impinduka zigaragara ku mibiri yabo.

Mu gusoza, yashimiye abafatanyabikorwa bakora muri gahunda zo kurinda abana b'abangavu abasaba kurushaho gukora kugira ngo u Rwanda rwacu tuzarurage abana bafite ubuzima bwiza. Yijeje



KOMISIYO
Y'IGIHUGU
ISHINZWE ABANA

COMMISSION
NATIONALE
POUR LES



Advancing Child Rights and Protection

Abari aho ndetse n'abanyarwanda muri rusange ko hazakorwa ibishoboka byose kugira ngo uburenganzira bw'umwana mu Rwanda burusheho gukomeza kubahirizwa.

VII. INSHAMAKE Y'UBUTUMWA BWATANZWE

Nº	UBUTUMWA BWATANZWE	ABO BUGENEWE
1.	Kuba hafi y'abana, bakaganirizwa ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere	Ababyeyi/abarezi
2.	Gutanga urugero rwiza ndetse n'uburere bwiza ku bana	Ababyeyi/abarezi
3.	Gukora cyane, guhitamo neza, kwirinda inshuti mbi no kwigirira icyizere	Abana bose
4.	Gukomera ku ijambo "Oya" ikaba ari cyo gisubizo cyiza ku bantu bashaka kwangiza ubuzima	Abana bose
5.	Gukorera ku ntego no kuyigeraho	Abana bose
6.	Guha ubuzima icyerekezo cyiza no gukoresha amahirwe ari mu gihugu	Abana bose
7.	Kutitesha amahirwe Leta yahaye abana yo kwiga no kudacika intege mu gihe hari ikigamijwe kugerwaho	Abana bose
8.	Kudahishira uwo ariwe wese wagambirira kwangiza abana	Abantu bose
9.	Kugira uruhare mu gukuraho imbogamizi abana bose bahura nazo muri rusange, ariko by'umwihariko abana b'abakobwa	Abana, ababyeyi n'abayobozi
10.	Kubarura abakobwa babyaye bakiri abana	Abayobozi b'Uturere
11.	Kuba hafi abana babyaye no kubafasha mu bibazo bahura na byo	Abafatanyabikorwa

Biteguwe:

UWABABYEYI Bénilde

Child Adoption and Orphans Officer

Byemejwe:

Dr. UWERA KANYAMANZA Claudine

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abana

Binyujijwe:

BISENGIMANA François

Director of Adoption, Protection and Promotion of Child Rights